ITEGANYAGIHE N°55 RY'IGIHE K'IMPESHYI (KAMENA- KANAMA) 2020

Imvura iteganyijwe mu mpeshyi (Kamena – Kanama 2020)

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) kinejejwe no gutangariza Abaturarwanda bose ko igihembwe k'impeshyi 2020 kizarangwa n'ibihe bisanzwe by'izuba. Imvura nke iteganyijwe muri Kamena ariko ikazajya inyuzamo ikagwa rimwe na rimwe no mu yandi mezi abiri asigaye (Nyakanga na Kanama) cyanecyane mu bice by'imisozi miremire n'ahegereye ishyamba rya Nyungwe.

Ingano y'imvura iteganyijwe hirya no hino mu Gihugu:

- Imvura iri hagati ya milimetero 100 na milimetero 200 iteganyijwe mu Ntara y'Uburengerazuba mu Turere twa Rubavu, Ngororero, Rutsiro, Nyabihu, Karongi n'igice kinini cya Nyamasheke, Intara y'Amajyaruguru mu Turere twa Musanze, Burera, Gakenke, n'igice cy'Amajyaruguru ya Rulindo na Gicumbi ndetse n'igice gito cy'Akarere ka Muhanga na Nyamagabe ho mu Ntara y'Amajyepfo.
- Imvura iri hagati ya milimetero ya 50 na milimetero 100 iteganyijwe mu Karere ka Rusizi n'igicegito cyaa Nyamasheke, mu Turere twa Nyaruguru, Huye, Gisagara, Nyanza, Ruhango, Kamonyi n'igice gito cyaa Muhanga mu Ntara y'Amajyepfo, mu Turere twa Kicukiro, Gasabo na Nyarugenge mu Mujyi wa Kigali, Igice cy'amagepfo y'Akarere ka Gicumbi na Rulindo mu Ntara y'Amajyarurugu ndetse no mu Turere twa Nyagatare, Gatsibo, Rwamagana, Bugesera, n'igice cy'amajyaruguru ya Kayonza mu Ntara y'Uburasirazuba.
- Imvura iri hagati ya milimetero 0 na milimetero 50 iteganyijwe mu Ntara y'Uburasirazuba mu Turere twa Kirehe, Ngoma ndetse n'igice cy'amagepfo ya Kayonza.

.

IKARITA YEREKANA INGANO Y'IMVURA ITEGANYIJWE MU MPESHYI 2020



Ikarita 1 : **Imvura iteganyijwe mu Mpeshyi 2020**

IKIGERERANYO CY'UBUSHYUHE BUTEGANYIJWE MU MPESHYI 2020

Ubushyuhe bwo hejuru

Muri rusange ubushyuhe bwo hejuru buteganyijwe muri iyi mpeshyi buri hagati ya dogere selisiyusi 20 na 32 mu Gihugu. Ahateganyijwe gushyuha cyane ni mu kibaya cya Bugarama hateganyijwe ubushyuhe buri hagati ya dogere 30 na 32 naho mu Turere twa Nyagatare, Gatsibo, Kayonza Ngoma, Kirehe Bugesera n'Umujyi wa Kigali hagetanyijwe ubushyuhe bwo hejuru buri hagati ya dogere 28 na 30. Mu gice k'Ibirunga gihereye mu Ntara y'Amajyaruguru n'igice gito k'Intara y'Uburengerazuba hateganyijwe ubushyuhe bwo hejuru buri hagati ya dogere 20 na 22 (kumenya amakuru y'ubushyuhe bwo hejuru ya buri hantu mu buryo bwimbitse, wareba ikarita ya 2).



Ikarita 2: **Ubushyuhe bwo hejuru buteganyijwe mu Mpeshyi 2020**

Ubushyuhe bwo hasi

Muri rusange ubushyuhe bwo hasi buteganyijwe muri iyi mpeshyi buri hagati ya dogere 8 na 18 mu Gihugu. Ahateganyijwe gukonja cyane ni mu gice k'Ibirunga giherereye mu Ntara y'Amajyaruguru n'iy'Uburengerazuba no mu nkengero zaho ndetse no mu ishyamba rya Nyungwe no mu nkengero zaho hateganyijwe ubushyuhe bwo hasi buri hagati ya dogere 8 na 12. Mu kibaya cya Bugarama, mu Turere twa Nyarugenge, Kicukiro no mu mayjepfo y'Akarere ka Gasabo, igice kinini cy'Akarere ka Bugesera no mu burasirazuba bw'Uturere twa Nyagatare, Gatsibo, Kayonza na Kirehe hateganyijwe ubushyuhe bwo hasi buri hagati ya dogere 16 na 18 (kumenya amakuru y'ubushyuhe bwo hasi ya buri hantu mu buryo bwimbitse, wareba ikarita ya 3).



Ikarita 3: **Ubushyuhe bwo hasi buteganyijwe mu Mpeshyi 2020**

Ingaruka n'ingamba zijyanye n'iri teganyagihe

Iteganyagihe ry'Impeshyi ryifashishwa cyanecyane mu mirimo yo gusarura ndetse no guhunika; akaba ari yo mpamvu tugira inama Abahinzi yo gukoresha iri teganyagihe hirindwa iyangirika ry'imyaka yeze.

- Ahazabona imvura imyaka izera neza muri iki gihembwe k'ihinga C
- Hateganyijwe igabanyuka ry'amazi mu migezi n'inzuzi zimwe na zimwe.
- Abahinzi barashishikarizwa kwibanda mu bishanga bahinga ibihingwa byera vuba.

Abakeneye ibindi bisobanuro birambuye kuri iri teganyagihe n'uburyo ryakoreshwa barasabwa kwegera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) cyangwa bagahamagara kuri nimero itishyurwa 6080.

Iri teganyagihe rikomeza gukoreshwa ryunganirwa n'irindi risanzwe ritangwa mu gihe cy'ukwezi, iminsi icumi (10), iminsi itanu (5), iminsi itatu(3) ndetse n'iteganyagihe ritangwa buri munsi.

Bikorewe i Kigali, ku wa 08/06/2020.

GAHIGI Aimable

Umuyobozi Mukuru